

AMASEZERANO RUSANGE AGENGA ITANGWA RY' AMASHANYARAZI	GENERAL CONTRACT FOR ELECTRICITY SUPPLY	CONTRAT GÉNÉRAL D'APPROVISIONNEMENT EN ÉLECTRICITÉ
<p>Aya masezerano rusange agenga itangwa ry' amashanyarazi, yitwa "amasezerano" akozwe hagati ya <i>Energy Utility Corporation Limited</i>, yitwa "Sosiye" muri aya masezerano na nyir' umutungo, witwa "umufatabuguzi" muri aya masezerano;</p> <p>Mu gihe umufatabuguzi yifuza ko sosiye imuha amashanyarazi na sosiye ikaba yemera kuyamuha;</p> <p>Impande zombi zemeranyije ibi bikurikira:</p>	<p>This general contract for electricity supply, hereunder referred to as "Contract" is entered into by and between Energy Utility Corporation Limited herein referred to as the "Company" and the owner of property referred to as "Customer";</p> <p>Whereas the customer desires that the Company provides him or her electricity and the Company has agreed so;</p> <p>Now therefore, the parties agree as follows:</p>	<p>Le présent contrat général d'approvisionnement en électricité, ci-après dénommé « le contrat », est conclu par et entre <i>Energy Utility Corporation Limited</i>, ci- après dénommé « la Société » et le propriétaire de l'immeuble à approvisionner, ci-après, dénommé « l'abonné »;</p> <p>Considérant que le client souhaite que la Société lui approvisionne en électricité et que la Société a marqué son accord.</p> <p>Les parties se conviennent comme suit:</p>
<p><b>UMUTWE WA I: Ifatabuguzi n'itangwa ry'amashanyarazi</b></p>	<p><b>CHAPTER I: Subscription and electricity supply</b></p>	<p><b>CHAPITRE I: Abonnement et approvisionnement en électricité</b></p>
<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Aya masezerano akozwe hagati ya Sosiye n'Umufatabuguzi. Umufatabuguzi ntiyemerewe kuyahererekanya atabanje kubyemererwa mu nyandiko na Sosiye. Mu gihe umufatabuguzi yemereye undi muntu gukoresha uburenganzira bwe ku ifatabuguzi, agomba kwemeranya nawe ko yemeye uburenganzira bwo kugengwa n'aya masezerano. Iyo bidakozwe, umufatabuguzi yirengera igihombo cyangwa ikosa ryose byakorwa cyangwa byakorerwa Sosiye. Kutubahiriza ibivugwa muri iyi ngingo bishobora gutuma umufatabuguzi yamburwa amashanyarazi.</li> <li>2. Iyo hatarabaho ihererekanya ry' aya masezerano nubwo haba harabayeho ihererekanya ry' umutungo, sosiye ishobora kuryoza mu buryo mbonezamubano, uwagiranye nayo amasezerano, uwimuriweho uwo mutungo cyangwa bombi.</li> <li>3. Umufatabuguzi yishyura ikiguzi cyo guhabwa ifatabuguzi hakurikijwe integuramirimo (<i>devis</i>) yakozwe na Sosiye.</li> <li>4. Sosiye iha umufatabuguzi integuramirimo bitarenze iminsi itanu (5) y'akazi nyuma yo kwakira ubusabe bwujuje ibisabwa. Sosiye igomba guha amashanyarazi umufatabuguzi wujuje</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. This contract is concluded between the Company and the Customer. The Customer cannot transfer this contract without prior written consent of the Company. If the Customer authorizes a third party to use his or her rights over subscription, the customer shall ensure that in the agreement with third party the later agrees to be bound by this contract. If the customer fails to honour this obligation, he or she shall be liable for any damage or any loss caused by or against the Company. Failure by the customer to honour one of the obligations under this article may lead to the disconnection of electricity.</li> <li>2. If this contract is not yet transferred though the premise may have been transferred to another person, the Company may civilly hold liable the customer, the person to whom the property was transferred or both.</li> <li>3. The customer shall pay the subscription cost as per the quotation made by the Company.</li> <li>4. The Company sends quotation to the Customer within five working days from the date of receipt of duly complete request for subscription. The Company connects the</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Le présent contrat est conclu entre la Société et l'abonné. L'abonné ne peut transférer ce contrat sans le consentement écrit préalable de la Société. Lorsque l'abonné autorise un tiers à jouir ses droits sur son abonnement, l'abonné veille à ce que, dans l'accord qu'il conclu avec un tiers, que le tiers accepte d'être lié par le présent accord. Si l'abonné ne respecte pas cette obligation, il sera responsable de tout dommage ou perte causé par ou contre la Société. Le non-respect de l'une des obligations du présent article par l'abonné peut entraîner la déconnexion de l'électricité.</li> <li>2. Si ce contrat n'est pas encore transféré, bien que l'immeuble approvisionné en électricité ait été transféré à une autre personne, la Société peut tenir soit l'abonné civilement responsable soit la personne à qui l'immeuble a été transféré ou les deux.</li> <li>3. L'abonné doit payer le coût de l'abonnement suivant le devis établi par la Société.</li> <li>4. La Société transmet le devis à l'abonné dans un délai de cinq jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande de souscription dûment complète. La Société raccorde l'électricité à l'abonné qui remplit toutes les</li> </ol>

<p>ibisabwa ikurikije ingengabihe iteganywa n' amabwiriza ngenderwaho yashyizweho n' urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>Customer who fulfills all the requirements within time limit established by regulations of the competent authority.</p>	<p>conditions dans le délai fixé par la réglementation de l'autorité compétente.</p>
<p>5. Umufatabuguzi ufiteye umwenda sosiyete, ntiyemerewe irindi fatabuguzi keretse abisabye kandi bikemerwa n'ubuyobozi bwa Sosiyete.</p>	<p>5. The customer who owes debts to the Company, shall not be provided with other subscription unless it is requested and approved by the management of the Company.</p>	<p>5. L'abonné ayant une dette envers la Société n'est pas éligible à un abonnement avant l'apurement de sa dette, sauf sur l'approbation de la direction de la Société.</p>
<p>6. Sosiyete niyo yemeza kandi igahitamo aho amashanyarazi azanyura n'uburyo bizakorwa hakurikijwe amategeko abigenga kandi hamaze gusuzumwa ibitekerezo byatanzwe n'umufatabuguzi iyo bihari.</p>	<p>6. The Company decides and approves maps and the route of electricity supply line, and their connection method in accordance with laws in place after reviewing the opinion provided by the customer if any.</p>	<p>6. La Société décide et approuve le tracé des lignes électriques et leur mode de raccordement et après avoir examiné de l'avis du client le cas échéant.</p>
<p>7. Umufatabuguzi ni we wumvikana na nyir' ubutaka bw' aho inzira y' amashanyarazi izanyuzwa kandi akanirengera ikiguzi kigendanye nabyo aho bibaye ngombwa.</p>	<p>7. The customer deals with the owner of land where the route of electricity line will pass and pays related costs if need be.</p>	<p>7. L'abonné négocie avec le propriétaire d'un immeuble où passe le tracé des raccordements et prend en charge de toute dépense chaque fois que de besoin.</p>
<p>8. Sosiyete ifite uburenganzira bwo gusuzuma ko ibikoresho bizakorehwa kuva aho umufatabuguzi azafatira amashanyarazi kugera kuri mubazi byujuje ibipimo by'ubuziranenge buteganywa n'amategeko. Iyo isanze bitabwujwe isaba umufatabuguzi gukoresha ibikoresho byujuje ubuziranenge mbere yo guhabwa amashanyarazi.</p>	<p>8. The Company may test the materials to be used by the customer from the point of connection to the meter to ensure that they meet set standards provided by laws. If the materials do not meet the standards, the Company requests the customer to use materials that meet standards before being connected.</p>	<p>8. La Société peut procéder à l'évaluation de la qualité des matériaux à utiliser par l'abonné à partir du point de raccordement au compteur pour s'assurer qu'ils répondent aux normes de qualité établies par les lois. La Société demande à l'abonné d'utiliser les matériaux qui répondent aux normes de qualité avant d'être raccordé.</p>
<p>9. Sosiyete niyo igeza amashanyarazi muri mubazi, naho umufatabuguzi akaba arebwa n' ibindi byose bikenerwa uvuye kuri mubazi kugera aho yifuza amashanyarazi.</p>	<p>9. The Company is the supplier of electricity from the point of supply to the meter while the customer is responsible for installations within his or her premise.</p>	<p>9. La Société est le fournisseur d'électricité du point d'approvisionnement au compteur tandis que l'abonné est responsable des installations de son immeuble.</p>
<p>10. Imiyoboro, insinga n'ibindi bikoreshwa mu kugeza amashanyarazi muri mubazi na mubazi ubwayo ni umutungo wa sosiyete.</p>	<p>10. Electricity lines, cables, and other materials used to supply electricity to the meter as well as the meter itself are property of the Company.</p>	<p>10. Les lignes électriques, les câbles et autres matériaux utilisés pour approvisionner en électricité au compteur ainsi que le compteur lui-même sont la propriété de la Société.</p>
<p>11. Sosiyete ishobora kongera abandi bafatabuguzi bakeneye amashanyarazi ku muyoboro wubatswe. Sosiyete yishingira ko ibipimo bya serivisi bihabwa abasanzwe ku muyoboro n'abongeweho bitajya hasi y'ibiteganywa n'amabwiriza ashirwaho n'inzeho zibifitiye ububasha.</p>	<p>11. The Company may connect other customers on the constructed electricity line. The Company makes sure that the quality of service standards provided to all customers connected to the power line are within the range set by competent authorities.</p>	<p>11. La Société a le plein droit de raccorder d'autres clients sur la ligne électrique déjà construite. La Société s'assure que les normes de qualité de service fournies à tous les clients se situent dans la fourchette fixée par les autorités compétentes.</p>
<p>12. Sosiyete ni yo yonyine yubaka, isana, ihindura ikanimura umuyoboro cyangwa ibyubatswe biwushamikiyeho, mubazi n'ibiyiraho byose. Sosiyete ikorera umuyoboro wihariwe n'umufatabuguzi cyangwa ibyubatswe biwushamikiyeho iyo umufatabuguzi amaze kwishyura ikiguzi gisabwa. Umufatabuguzi</p>	<p>12. The Company is the sole responsible to maintain, repair, replace, and relocate electricity line and related components. The Company fulfills what is provided for in paragraph for an electricity line dedicated with the customer and related components after the customer pays</p>	<p>12. La Société est le seul responsable d'entretenir, de réparer, de remplacer et de déplacer la ligne électrique et les connexes. La Société s'acquitte des obligations mentionnées au présent paragraphe après que l'abonné aie payé le coût requis.</p>

<p>ntiyemerewe guhindura umuyoboro, ibikoresho biri kuri mubazi, mubazi ubwayo cyangwa kubaka umuyoboro.</p> <p>13. Umufatabuguzi agomba gukoresha ibikoresho byujuje ibipimo ngenderwaho bishyirwaho n' inzego zibifitiye ububasha mu Rwanda. Agomba kujya kandi avugurura ibikoresho bye byakoreshejwe mu guhabwa amashanyarazi ngo bijyane n' ibipimo by'amashanyarazi bigezweho.</p> <p><b>UMUTWE WA II: Igenzura no gusubiza mubazi ku rugero rwemewe</b></p> <p>14. Umufatabuguzi cyangwa sosiyete bashobora gusaba igenzurwa rya mubazi iyo babonye ko ari ngombwa. Mubazi iba ikora neza, iyo ibipimo igaragaza bitanyuranye n'amabwiriza abigenga.</p> <p>15. Sosiyete ni yo igenzura mubazi, kandi ishobora kuzisimbura igihe cyose ibonye ko ari ngombwa.</p> <p>16. Iyo umufatabuguzi ariwe usabye igenzura no gusubiza mubazi ku rugero rwemewe, maze igenzura rikerekana ko mubazi nta kibazo ifite, umufatabuguzi yishyura ikiguzi cy'igenzura ryakozwe nk'uko kigenwa na Sosiyete.</p> <p>17. Iyo bigaragaye ko mubazi yasuzumwe yari ifite ikibazo yaba yabaraga bike cyangwa byinshi ugereranyije n'ingano y'amashanyarazi yakoreshejwe; habaho kugena ibitarabazwe cyangwa ibyabazwe by'umurengera, uruhande rwabirenganyemo rukarenganurwa.</p> <p>18. Iyo mubazi yangiritse nyamara umufatabuguzi yari afitemo amashanyarazi atarakoresheje, sosiyete imuha indi ikanamushyiriramo amashanyarazi angana n'ayo yari atarakoresheje mu gihe giteganyijwe n' amabwiriza agenga amashanyarazi mu Rwanda.</p> <p>19. Iyo bigaragaye ko mubazi yakubaganyijwe cyangwa yononwe n'umufatabuguzi, umufatabuguzi yishyura ikiguzi cyo gukora cyangwa gusimbura mubazi kigenwa na Sosiyete.</p>	<p>the required cost. The customer shall not alter the electricity line, metering system or construct an electricity line.</p> <p>13. The customer shall use materials that meet the standards set by competent authorities in Rwanda. The customer shall also update the used materials to meet the current standards.</p> <p><b>CHAPTER II: Meter Verification and Calibration</b></p> <p>14. The customer or Company may request a verification of the meter if need be. The meter meets the caliber if it takes measurement in accordance with its required standards.</p> <p>15. The Company is the sole competent authority to verify meters and changes the meter if need be.</p> <p>16. If the customer requests for verification and calibration of the meter and it is found out that the meter is accurate, the customer shall pay the required cost as determined by the Company.</p> <p>17. If it appears that the meter that was verified has a problem, whether it measures less or more compared to the electricity used, a determination of the accurate electricity consumed is conducted in order to compensate the aggrieved party.</p> <p>18. If the meter is damaged, while the customer had electricity that was not used, the company will provide a new meter to the customer with another electricity equal to the electricity that he had not used, within the time provided by the regulations governing electricity in Rwanda.</p> <p>19. If the meter is tampered with or destroyed, the customer shall pay repairment or replacement fee determined by the Company.</p>	<p>L' abonné ne doit pas modifier la ligne électrique, le système du compteur ou construire une ligne électrique.</p> <p>13. L'abonné utilise des matériaux qui répondent aux normes de qualité fixées par les autorités compétentes au Rwanda. L'abonné doit également mettre à jour les matériaux utilisés pour répondre aux normes de qualité actuelles.</p> <p><b>CHAPITRE II: Vérification et étalonnage du compteur</b></p> <p>14. L'abonné ou la société peut demander une vérification du compteur chaque fois que de besoin. Le compteur est en bon état, s'il prend les mesures de consommation conformément à ses normes requises.</p> <p>15. La Société est la seule autorité compétente pour vérifier les compteurs et les changer chaque fois que de besoin.</p> <p>16. Si l'abonné demande la vérification et l'étalonnage du compteur et qu'il est trouvé que le compteur est en bon état, les frais de vérification déterminés par la Société incombent à l'abonné.</p> <p>17. S'il apparaît que le compteur qui a été vérifié manifeste un problème, qu'il mesure moins ou plus par rapport à l'électricité consommée, une détermination de la consommation réelle d'électricité est effectuée afin d'indemniser la partie lésée.</p> <p>18. Si le compteur est endommagé, alors que l'abonné disposait de l'électricité qui n'était pas utilisée, la société fournira un nouveau compteur à l'abonné avec une autre électricité égale à l'électricité qu'il n'avait pas utilisée, dans un délai prévu par la réglementation régissant l'électricité au Rwanda.</p> <p>19. Si le compteur est truqué, modifié ou détruit, l'abonné doit payer les frais de sa remise en bon état ou de remplacement, déterminés par la Société.</p>
---	--	---

<p>20. Sosiyete yemerewe kugenzura ubuziranenge bw'ibikoresho byakoreshejwe kuva aho umufatabuguzi yafatiye amashanyarazi kugera kuri mubazi.</p> <p>21. Sosiyete ifite uburenganzira bwo kugenzura uburyo umufatabuguzi akoresha amashanyarazi.</p> <p>22. Umufatabuguzi abujijwe kubangamira umugenzuzi wamweretse ibyangombwa byerekana ko ari umukozi wa sosiyete uri mu bikorwa by'igenzura. Igenzura rikorwa mu masaha y'akazi. Bitabangamiye ibihano biteganywa n'amategeko, iyo umufatabuguzi abangamiye umugenzuzi acibwa amafaranga agenwa na sosiyete.</p> <p>23. Mu gihe insinga z'amashanyarazi cyangwa ibikoresho bijyana na zo byakoreshejwe n' umufatabuguzi bishobora guhungabanya ibinyabuzima, ubuziranenge bw'amashanyarazi cyangwa itangwa ry'amashanyarazi, Sosiyete ihagarikira uwo mufatabuguzi amashanyarazi kugeza igihe akosoreye ikibazo cyagaragajwe na Sosiyete. Gukosora ikibazo ntibibuzwa umufatabuguzi kuryozwa indishyi z'ibyangijwe.</p>	<p>20. The Company may inspect quality of materials used by the customer from the point of supply to the meter.</p> <p>21. The Company may inspect electricity consumption behavior of the customer.</p> <p>22. The customer shall not obstruct the inspector who presented himself/herself as an employee of the company. The inspection is conducted during working hours. In case of obstruction, without prejudice to sanction provided for by law, the Company charges the customer an amount of money determined by the Company.</p> <p>23. When electricity cables or other related materials used by the customer may affect the surroundings, quality or the supply of electricity, the company disconnects the electricity of the customer until the issue is resolved to the satisfaction of the company. Resolving the issue does not relieve the customer from paying compensation for the damage caused.</p>	<p>20. La Société peut inspecter la qualité des matériaux utilisés par l'abonné du point d'approvisionnement jusqu'au compteur.</p> <p>21. La Société se réserve le droit de contrôler la façon dont les services d'électricité sont utilisés.</p> <p>22. L'abonné ne doit pas entraver l'inspecteur qui s'est présenté comme un employé de la société. L'inspection est effectuée pendant les heures de travail. En cas d'entrave, sans préjudice des sanctions prévues par loi, l'abonné doit payer un montant déterminé par la Société.</p> <p>23. Lorsque les câbles électriques ou autres matériaux connexes utilisés par l'abonné sont susceptibles d'affecter l'environnement, la qualité et l'approvisionnement en électricité, la société déconnecte l'abonné jusqu'à ce que le problème soit résolu à la satisfaction de la société. La résolution du problème n'empêche pas l'abonné de payer des indemnités pour les dommages causés.</p>
<p><b>UMUTWE WA III: Ibiciro n'ubwishyu</b></p>	<p><b>CHAPTER III: Tariffication and Billing</b></p>	<p><b>CHAPITRE III: Tarification et facturation</b></p>
<p>24. Kuri mubazi ikoresha amashanyarazi mbere yo kwishyura, ingano y' amashanyarazi yakoreshejwe igaragazwa n' ikinyuranyo cy'imibare iri muri mubazi n' iyarimo hatangwa inyemezabuguzi iheruka.</p> <p>25. Ingano y' amashanyarazi yakoreshejwe yishyurwa n'umufatabuguzi hashingiwe ku biciro bishyirwaho n' urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>26. Kuri mubazi yishyura amashanyarazi mbere yo kuyakoresha, Umufatabuguzi agomba kuyagurira ku bacuruzi b'amashanyarazi babemerewe.</p> <p>27. Iyo mubazi ipfuye imaze igihe nibura cy'amezi atandatu (6) ikoreshwa kandi ikora neza, inyemezabuguzi ku mashanyarazi yakoreshejwe atishyurwa mu gihe mubazi itakoraga uko bikwiye, ikorwa hashingiwe ku mpuzandengo y'ingano y' amashanyarazi yakoreshejwe mu gihe cya mezi atandatu (6) abanziriza gupfa kwa mubazi.</p>	<p>24. For postpaid meter; electricity consumption is equivalent to the difference of current index in the meter and previous index when the previous billing was carried-out.</p> <p>25. The electricity consumed by the customer is paid based on the tariff determined by the competent authority.</p> <p>26. For the prepaid meters, customers buy electricity from authorized dealers.</p> <p>27. In case the meter is not correctly reading while it was reading accurately for a period of at least six (6) months, the invoice for consumed electricity when the meter was not reading accurately is prepared based on consumption average recorded within a period of six (6) months preceding the period within which the meter was faulty.</p>	<p>24. Pour le compteur à post-paiement, le taux de consommation d'électricité est déterminé par la différence entre les relevés actuels du compteur et ceux précédents.</p> <p>25. L'électricité consommée par l'abonné est payée sur base de tarif déterminé par l'autorité compétente.</p> <p>26. Pour les compteurs prépayés, les abonnés achètent l'électricité auprès de distributeurs agréés.</p> <p>27. Lorsque le compteur est inexact alors qu'il fonctionnait correctement pendant au moins six (6) mois, la facture d'électricité consommée lorsque le compteur était inexact est établie sur base de consommation moyenne enregistrée dans un délai de six (6) mois précédant la période pendant laquelle le compteur était défectueux.</p>

<p>28. Iyo mubazi ipfuye imaze igihe kiri muni y' amezi atandatu (6) ikoreshwa, inyemezabuguzi ku mashanyarazi atarishyurwa, ikorwa hakurikijwe impuzandengo y' ingano y' amashanyarazi yakoreshejwe mu gihe kibanziriza igihe mubazi yagiriye ikibazo. icyakora, iyo bidashoboka ko ingano y' amashanyarazi umufatabuguzi yakoresheje iboneka, inyemezabuguzi ku mashanyarazi yakoreshejwe ibarwa ishingiyeye ku bushobozi bw' ibikoresho yagaragaje asaba ifatabuguzi n' amasaha sosiyete yateganyije ko bikora. Sosiyete itangaza amasaha buri gikoresho gikoreshwa.</p> <p>29. Umufatabuguzi yishyura amashanyarazi yishyurwa nyuma yo kuyakoresha mu gihe ntarengwa kiri ku nyemezabuguzi. Amafaranga y' amashanyarazi yakoresheje yishyurwa kuri imwe muri konti za sosiyete ziri muri banki nk'uko bigaragara ku nyemezabuguzi yahawe umufatabuguzi.</p> <p>30. Sosiyete igomba gushyikiriza umufatabuguzi inyemezabuguzi ikanamusobanurira ibiyikubiyemo igihe cyose abisabye. icyakora, iyo umufatabuguzi atabonye inyemezabuguzi mu minsi mirongo ine n'itanu (45) ikurikira ukwezi yakoresherejemo amashanyarazi atarishyurwa, agomba kubimenyeshya ishamba rya sosiyete umutungo wasabiwe ifatabuguzi ubarizwamo cyangwa ku icyicaro gikuru cya sosiyete.</p> <p>31. Ubusabe bwo gukosora inyemezabuguzi bukoze n'umufatabuguzi bukorwa mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) uhereye igihe umufatabuguzi yabonye inyemezabuguzi. Mu gihe ubusabe bwaba butatangiye igihe, ntibuhabwa agaciro. Iyo ubusabe bw'umufatabuguzi bufite ishingiro, ahabwa inyemezabuguzi bityo amafaranga atagombaga kwishyura agakurwa ku nyemezabuguzi zikurikira.</p> <p>32. Iyo umufatabuguzi atishyuye mu gihe cyateganyijwe ku nyemezabuguzi yahawe, sosiyete ishobora guhagarika amashanyarazi ku nyubako atishyuriye, iyindi afitiye irindi fatabuguzi cyangwa zose ibanje kumuha integuza yanditse hakurikijwe amabwiriza ashirwaho n'nzengo zibifitiye ububasha.</p>	<p>28. When the meter is faulty after having worked accurately within the period of less than six (6) months, the invoice for consumed electricity when the meter was not reading accurately is prepared based on average consumption recorded within the whole period preceeding the period within which the meter was faulty. However, when the consumption of the customer was not recorded, the invoice for consumed electricity is calculated based on the capacity of electric appliances registered during application and their time of use as set by the Company.</p> <p>29. For postpaid meter, the customer pays the bill within the period mentioned on the provided invoice. The payment is deposited on the company's bank account indicated on the invoice provided with the Customer.</p> <p>30. The Company sends an invoice to the customer and provides him/her with clarifications when the customer requests so. However, If the customer does not get an invoice in a period of forty five (45) days following the month in which the postpaid electricity was consumed, he or she shall immediately request the invoice at the branch of the Company that has jurisdiction over the place where the subscribed premise is located or at the headquarter of the company.</p> <p>31. The request for correction of the invoice made by the customer shall be made within six (6) months from the date of receipt of the invoice by the customer. If the request is not submitted within the prescribed time, it will not be considered. If the request of the customer is justified, he/she will be entitled to a credit note and the undue amount shall be deducted from the following monthly invoices.</p> <p>32. When the customer does not pay in the period mentioned on the invoice, the Company may disconnect electricity on any subscribed premise owned by the customer, after a written notice.</p>	<p>28. Lorsque le compteur est défectueux alors qu'il fonctionnait correctement dans un délai inférieur à six (6) mois, la facture d'électricité consommée lorsque le compteur était inexact est établie sur base de consommation moyenne enregistrée dans un délai précédant la période pendant laquelle le compteur était défectueux. Toutefois, lorsque l'électricité consommée n'était pas enregistrée, la facture d'électricité consommée au moment où le compteur était inexact est établie sur base de la capacité des appareils électriques de l'abonné et de leur temps d'utilisation fixé par la Société.</p> <p>29. Pour le compteur à post-paiement, l'abonné paie la facture dans le délai indiqué sur la facture fournie. Le paiement est effectué sur le compte bancaire de la société indiqué sur la facture fournie à l'abonné.</p> <p>30. La Société envoie une facture à l'abonné et lui fournit des éclaircissements lorsqu'il en fait la demande. Cependant, en cas de non réception de la facture pendant une période de quarante cinq (45) jours du mois suivant le mois au cours duquel l'électricité postpayée a été consommée, l'abonné lui incombe de réclamer la facture immédiatement à la succursale de la société qui a la compétence sur le lieu où l'immeuble souscrit est situé ou au siège de la société.</p> <p>31. La demande de rectification de la facture formulée par l'abonné doit être formulée dans un délai de six (6) mois à compter de la date de réception de la facture par l'abonné. Si la demande n'est pas soumise dans les délais prescrits, elle ne sera pas prise en compte. Si la demande de l'abonné est justifiée, il aura droit à une note de crédit et le montant indu sera déduit sur les factures des mois suivants.</p> <p>32. Lorsque l'abonné ne paie pas dans le délai mentionné sur la facture, la Société peut déconnecter l'électricité à l'abonné partout où il est connecté, après un avis écrit.</p>
--	--	--

<p>33. Iyo umufatabuguzi atishyuye mu gihe ntarengwa giteganywa ku inyemezabuguzi, yishyura amafaranga ari ku nyemezabuguzi hiyongereyeho inyungu z' ubukererwe zingana n'atanu ku ijana (5%) y' amafaranga agomba kwishyura. Iyo arengeje iminsi mirongo itatu (30) ku igihe ntarengwa yagombaga kuba yishyuriye, inyungu z' ubukererwe zingana n'atanu ku ijana 5% ziyongeraho rimwe n'igice ku ijana 1.5% buri kwezi k'ubukererwe mu gihe cy' amezi atandatu (6).</p> <p>34. Igihe umufatabuguzi ahagarikiwe amashanyarazi kubera umwenda, ayasubizwa amaze kwishyura umwenda wose cyangwa hubahirijwe uburyo bw' imyishyurire yemeranyijweho na sosiyete. Umufatabuguzi yishyura kandi amafaranga yo guhagarikirwa no gusubizwa amashanyarazi nk' uko agenwa na sosiyete.</p> <p>35. Umufatabuguzi amenyesha sosiyete ibintu byose abonye bitagenda neza mu muyoboro uri hagati y'aho yafatiye amashanyarazi na mubazi ubwayo irimo, kugira ngo sosiyete ibikurikirane. Umufatabuguzi kandi amenyesha sosiyete impinduka zidasanzwe yabonye mu mikoreshereze ye y'amashanyarazi.</p>	<p>33. If the customer does not pay within the period mentioned on the invoice, he or she shall pay the amount on the invoice with the late interest of five percent (5%) of the invoice amount. When the customer does not pay within thirty (30) days counting from the last date on the invoice, the late interest of five percent (5%) accrues by one point five percent (1.5%) every month of delay in a period of six (6) months.</p> <p>34. When the customer is disconnected due to debt, he or she is reconnected after paying debts in total or in installments agreed upon with the Company. The Customer pays also a disconnection and reconnection fee as determined by the Company.</p> <p>35. The customer informs the company at anytime he or she sees anything abnormal in the supply of electricity from the point of connection to its premise including the meter itself, so that the company can inspect the abnormality. The customer also informs the company of any unusual changes he or she has noticed in his or her consumption of electricity.</p>	<p>33. Si l'abonné ne paie pas à la date d'échéance indiquée sur la facture, il doit payer le montant de la facture avec les intérêts de retard de cinq pour cent (5 %) du montant de cette facture. Lorsque l'abonné ne paie pas dans les trente (30) jours suivant la date d'échéance, l'intérêt en retard de cinq pour cent (5 %) s'accumule d'un point cinq pour cent (1,5 %) chaque mois de retard dans une période de six (6) mois.</p> <p>34. Lorsque l'abonnement est déconnecté à cause de la dette, la reouverture de connexion doit être effectuée qu' après le paiement intégral des sommes dues, ou en tranches convenues avec la Société. L'abonné paie aussi des frais de déconnexion et de reconnexion déterminés par la Société.</p> <p>35. L'abonné informe la société à tout moment qu'il constate une anomalie dans son approvisionnement en électricité du point de raccordement à sa maison y compris le compteur lui-même, afin que la société puisse inspecter l'anomalie. L'abonné informe également la société de tout changement inhabituel qu'il constate dans sa consommation d'électricité.</p>
<p><b>UMUTWE WA IV: Ibindi bisabwa</b></p> <p>36. Umufatabuguzi yemeranyije na sosiyete ko umufatabuguzi abujijwe ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) guhindura, kwangiza cyangwa kwiba ikintu icyo ari cyo cyose ku bikorwaremezo bya sosiyete bitanga amashanyarazi.</li> <li>b) guhindura, kwangiza, gukubaganya, cyangwa gukuraho mubazi, guhindura uko mubazi yashyizweho cyangwa kvanaho ibimenyetso sosiyete yashyize kuri mubazi.</li> <li>c) kurahurira inyubako iri mu kibanza gitandukanye n'icy' iyo yafatiye ifatabuguzi, keretse abiherewe uburenganzira na sosiyete. Mu gihe arahuye mu buryo bunyuranyije n'ubuteganyijwe ahagarikirwa amashanyarazi kugeza igihe yishyuriye amafaranga ateganywa na sosiyete kandi akirengera ingaruka zikomoka kuri icyo gikorwa iyo zihari.</li> </ul>	<p><b>CHAPTER IV: Other requirements</b></p> <p>36. The customer agrees with the Company that customer is prohibited the following:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) Altering, destroying, or theft of electricity infrastructure;</li> <li>b) Altering, destroying, tempering the metering system, removing or modifying the meter itself, meter position or meter labels.</li> <li>c) Supplying electricity to another premise located in the plot of land that is different from the one of the subscribed premise unless the Company permits the customer. In case the customer illegally supplies electricity, the Company disconnects him or her until he or she pays required amount determined by the Company and compensation for damages if any.</li> </ul>	<p><b>CHAPITRE IV: Autres exigences.</b></p> <p>36. L'abonné convient avec la Société qu'il est prohibé ce qui suit:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) Modifier, détruire ou voler l'infrastructure d'électricité.</li> <li>b) Modifier, détruire, truquer le système du compteur, enlever ou modifier le compteur lui-même, ses étiquettes ou sa position.</li> <li>c) approvisionner en électricité à un autre immeuble situé dans une parcelle qui est différente de celle de l'immeuble souscrit, à moins que la Société n'autorise l'abonné. Dans le cas où l'abonné approvisionne illégalement en électricité, la Société lui déconnecte jusqu'à ce qu'il paie le montant requis déterminé par la Société et indemnités en cas de dommages connexes.</li> </ul>

<p>d) kwimukana mubazi yakoresheya mu kibanza yagaragaje asaba ifatabuguzi iyo ayikeneye mu kindi kibanza.</p> <p>e) Kudasubiza mubazi itagikoreshwa.</p> <p>f) Guha mubazi undi muntu.</p> <p>g) Ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose kibujijwe n' amategeko cyangwa amabwiriza.</p> <p>37. Sosiyete yemeranyije n' umufatabuguzi ko impinduka kuri aya masezerano zihinduka itegeko iyo azimenyeshajwe ku mwirondoro yatanze mu masezerano yagiranye nayo, zitangajwe mu itangazamakuru cyangwa ku rubuga rwa sosiyete, kandi zaremejwe n'Urwego rubifitiye ububasha mbere y'uko zitangazwa cyangwa zimenyeshwa umufatabuguzi.</p> <p>38. Urugero rw'ingufu z'amashanyarazi umufatabuguzi yatse rubarwa hashingiwe ku bushobozi bw'ibikoresho bikoresha amashanyarazi afite.</p> <p>39. Igihe cyose sosiyete itabashije kumvikana n'umufatabuguzi ku ngingo iyo ariyo yose igize aya masezerano; biyambaza inzego zibifitiye ububasha zikabafasha gukemura amakimbirane bagiranye.</p>	<p>d) Shifting the meter from the subscribed premise to be used in another premise located in another plot of land;</p> <p>e) Not returning meter which is no longer in use;</p> <p>f) Transferring or donating the meter to the third party;</p> <p>g) Any other activity prohibited by the law or regulations.</p> <p>37. The Company agrees with the customer that the changes on this contract are binding in case they are communicated to the customer by the Company through the contacts or address provided for by the customer in the contract signed between him or her and the Company, published in media or on website of the Company.</p> <p>38. The rate of the power subscribed by the Customer is evaluated according to the electrical appliances owned by the Customer.</p> <p>39. Whenever the Company fails to reach an agreement with the Customer on any of the provisions of this Agreement; an interested party shall reach a competent authority to help them solve their disputes.</p>	<p>d) Déplacer le compteur de l'immeuble souscrit pour l'utiliser dans une autre immeuble situé dans une autre parcelle.</p> <p>e) Ne pas remettre le compteur qui n'est plus utilisé.</p> <p>f) Transférer ou donner le compteur à la tiers partie.</p> <p>g) Toute autre activité interdite par la loi ou règlements.</p> <p>37. La Société convient avec l'abonné que les modifications apportées au présent contrat sont contraignantes s'elles sont communiquées à l'abonné par l'intermédiaire d'adresse fournie par le client dans le présent contrat, publiées dans le media ou sur le site web de la Société.</p> <p>38. Le taux de puissance souscrite par l'abonné est évaluée en fonction des appareils électriques de l'abonné.</p> <p>39. Chaque fois que la Société ne parvient pas à un accord avec l'abonné sur l'une des dispositions du présent contrat, la partie intéressée s'adresse à une autorité compétente pour les aider à résoudre leurs différends.</p>
<p><b>UMUTWE WA V: Uburyozwe</b></p> <p>40. Sosiyete iryozwa ibyangijwe n' amashanyarazi bitewe n' amakosa ya sosiyete yabereye kuva aho umufatabuguzi yafatiye amashanyarazi kugeza kuri mubazi.</p> <p>41. Sosiyete iryozwa ibyangijwe n' amashanyarazi atujuje ibipimo byemewe mu Rwanda bitewe n' amakosa ya sosiyete yabereye mu muyoboro umufatabuguzi afatiyeho amashanyarazi kugeza kuri mubazi. Sosiyete ntiryoza ibyangiritse bikomotse ku ibura, icikagurika ry'amashanyarazi cyangwa guhagarikirwa amashanyarazi bitewe n' umwenda, icyaha, ikosa cyangwa indi mpamvu iteganywa n' amategeko yerekeye amashanyarazi ikomoka ku mufatabuguzi.</p>	<p><b>Chapter V: Liability</b></p> <p>40. The Company shall be responsible for damages occurred as a result of the fault of the Company from the point of connection to the meter.</p> <p>41. The company is responsible for the damage caused by electricity that does not meet the standards approved in Rwanda due to the company's fault that occurs from the point of connection to the meter. The Company shall not be held responsible for the damage caused due to electricity interruption or outage on electricity supply, or disconnection of electricity due to customer's debts, offense, fault, or any other reason resulted from the customer.</p>	<p><b>Chapitre V: Responsabilité</b></p> <p>40. La Société est responsable des dommages causés par la Société du point de raccordement au compteur.</p> <p>41. La société est responsable des dommages causés par l'électricité qui ne respecte pas les normes approuvées au Rwanda en raison de la faute de la société qui se produit à partir du point de raccordement au compteur. La Société n'est pas tenue responsable des dommages résultant de l'interruption ou panne de l'approvisionnement en électricité, ou la suspension de l'électricité à cause des dettes de l'abonné, de l'infraction, de la faute ou de toute autre raison résultante à l'abonné.</p>

<p>42. Uburyoze bwa Sosiyete ku mufatabuguzi bugarukira ku gihombo kitaziguye umufatabuguzi yagize bitewe n'ibyo Sosiyete iryozwa ku bw'amategeko. Sosiyete ntiryoza igihombo kiziguye. Igihombo kiziguye gikubiyemo nk'inyungu umufatabuguzi yateganyaga kubona, kugabanuka kw'ibyacuruzwaga, kubura akazi, guhagarika imirimo, uburyozwe umufatabuguzi yagize ku bandi n'igihombo kidashobora kugaragazwa mu buryo nyakuri.</p>	<p>42. The Company liability towards the Customer is limited to the direct loss incurred by the Customer arising from any occurrence for which the Company is liable by law. The Company is not liable for indirect loss. Indirect loss includes consequential loss, trading loss, lost income, loss due to business interruption, Customer liability towards third parties and intangible loss.</p>	<p>42. La responsabilité de la société envers l'abonné est limitée à la perte directe subie par l'abonné résultant de tout événement dont la société est responsable par la loi. La Société n'est pas responsable des pertes indirectes. Les pertes indirectes comprennent dommages secondaires, les pertes commerciales, les pertes de revenus, les pertes dues à une interruption d'activité, la responsabilité de l'abonné envers des tiers et les pertes intangibles.</p>
<p>43. Sosiyete n'Umufatabuguzi bemeranije ko uburyozwe bwa Sosiyete, igihe habaye urupfu cyangwa gukomereka biturutse ku burangare cyangwa amakosa ya Sosiyete, budashobora kurenga ku mafaranga ntarengwa agenwa mu masezerano y'ubwishingizi hagati ya Sosiyete n'umwishingizi wayo.</p>	<p>43. The Company and the Customer agree that the Company liability for death or personal injury caused by its negligent acts or omissions is limited to the maximum liability amount determined in the insurance contract between the Company and its insurer.</p>	<p>43. La Société et l'abonné conviennent que la responsabilité de la Société en cas de décès ou de dommages corporels causés par ses actes de négligence ou ses omissions est limitée au montant maximum de responsabilité prévu par le contrat d'assurance entre la société et son assureur.</p>
<p>44. Sosiyete n'Umufatabuguzi bemeranije ko uburyozwe buturuka ku makosa cyangwa uburangare bya Sosiyete byateye kwangirika kw'imitungo budashobora kurenga agaciro k'amafaranga ntarengwa agenwa mu masezerano y'ubwishingizi hagati ya Sosiyete n'umwishingizi wayo. Uburyozwe ntarengwa buvugwa muri iyi ngingo ni nabwo bukoreshwa ku muntu wemerewe n'umufatabuguzi gukoresha iryo fatabuguzi.</p>	<p>44. The Company and the Customer agree that the Company shall only be liable for material damage which is a reasonably foreseeable consequence of its faults or negligence up to a maximum liability determined in the insurance contract between the Company and its insurer. The same limitation of liability applies to any other person authorised by the customer to use its subscription.</p>	<p>44. La Société et l'abonné conviennent que la Société ne sera responsable que des dommages matériels qui sont une conséquence raisonnablement prévisible de ses fautes ou de sa négligence jusqu'à une responsabilité maximale prévue dans le contrat d'assurance entre la Société et son assureur. La même limitation de responsabilité s'applique à toute autre personne autorisée par le client à utiliser son abonnement.</p>
<p>45. Umufatabuguzi aroyzwa ibikoresho adasangiye n'abandi bimugezaho amashanyarazi byangijwe cyangwa byabuze mu gihe atagaragaje ko nta ruhare yagize mu ibura cyangwa iyangizwa ryabyo.</p>	<p>45. The customer is liable for Company electrical materials which supply electricity to him/her that he/she does not share with other customers in case they are damaged or lost unless he/she proves no liability.</p>	<p>45. L'abonné est responsable des équipements électriques qui lui fournissent de l'électricité qu'il ne partage pas avec d'autres abonnés en cas de détérioration ou de perte à moins qu'il ne prouve son absence de responsabilité.</p>
<p>46. Umufatabuguzi yemeye gufata ubwishingizi bw'inyubako ye n'imitungo iyirimo ku gihombo cyose gishobora guterwa n'amashanyarazi.</p>	<p>46. The Customer agrees to take insurance of the premise and all properties at his or her premise for any loss or damage that may be caused by Company's electricity.</p>	<p>46. L'abonné accepte de souscrire une assurance de l'immeuble et tous les biens chez lui pour toute perte ou dommage pouvant être causé par l'électricité de la société.</p>
<p>47. Umufatabuguzi cyangwa uwo yemereye gukoresha ifatabuguzi ukoresheje amashanyarazi mu buryo bw'uburiganya cyangwa bunyuranyije n'amategeko acibwa amafaranga agenwa na sosiyete yiyongera ku mafaranga y'amashanyarazi yakoresheje atishyura. Mu gihe umufatabuguzi atishyuye amafaranga avugwa muri iki gika mu gihe yamenyeshejwe, sosiyete ishobora guhagarika amashanyarazi ku nyubako iyo ariyo yose y'umufatabuguzi.</p>	<p>47. When the customer or his or her sub-contractor illegally or fraudently uses electricity, the customer shall pay an amount determined by the Company in addition to unpaid amount of consumed electricity. If the customer fails to pay the amount stated in this paragraph in the notified period, the Company may disconnect any premise owned by the customer.</p>	<p>47. Lorsque l'abonné ou son sous traitant utilise illégalement ou frauduleusement l'électricité, l'abonné doit payer un montant déterminé par la Société en outre de la quantité impayée d'électricité consommée. Si l'abonné ne paie pas le montant indiqué dans le présent paragraphe dans un délai prévu, la Société peut déconnecter tout immeuble de l'abonné partout où il est connecté.</p>



<p>48. Umufatabuguzi cyangwa uwo yemereye gukoresha ifatabuguzi ugomba kwishyura amafaranga ateganywa mu gika cya 47, abarirwa amafaranga y' amashanyarazi yakoreshejwe atishyura hakurikijwe ubushobozi bw' ibikoresho umufatabuguzi afite bikoresha amashanyarazi n'amasaha yagenwe na sosiyete ibyo bikoresho bikora.</p>	<p>48. A customer who is liable to pay the amount stated in paragraph 47, shall be regularised based on the capacity of his or her electricity appliances and their time of use as set by the Company.</p>	<p>48. L'abonné ayant obligation de payer le montant prévu au paragraphe 47, doit être régularisé sur base de la capacité de ses appareils électriques de l'abonné et de leur temps d'utilisation fixé par la Société.</p>
<p><b>UMUTWE WA VI: Itangira, isesa ry' amazezerano no kunyuranya kw'indimi</b></p>	<p><b>CHAPTER VI: Entry into force, Termination of the Contract and contradictions of languages</b></p>	<p><b>CHAPITRE VI: Entrée en vigueur, résiliation du contact et contradiction des langues</b></p>
<p>49. Aya masezerano atangira gukurikizwa guhera igihe ashyirweho umukono n'impande zombi.</p>	<p>49. This contract enters into force when it is signed by both parties.</p>	<p>49. Ce contrat entre en vigueur lorsqu'il est signé par les deux parties.</p>
<p>50. Aya masezerano asimbuye andi masezerano y' itangwa ry' amashanyarazi yashyizweho umukono mbere y'aya yerekeye itangwa ry'amashanyarazi ku kibanza umufatabuguzi ari gufatira ifatabuguzi.</p>	<p>50. This contract replaces other general contract for electricity supply that was previously signed relating to the current subscribed premise.</p>	<p>50. Ce contrat remplace d'autre contrat général d'approvisionnement en électricité qui avait été précédemment signé relativement à l'actuel immeuble.</p>
<p>51. Umufatabuguzi ashobora gusesa aya masezerano mu nyandiko amaze gutanga integuza ingana nibura n' iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi. Mbere yo gusesa aya masezerano, umufatabuguzi yishyura amafaranga yaba ari ayo agezemo sosiyete cyangwa umwenda mu gihe uhari.</p>	<p>51. The customer may terminate this contract after a written notice of fifteen (15) working days. Before terminating the contract, the customer pays due debts if applicable.</p>	<p>51. L'abonné peut résilier ce contrat après un avis écrit de quinze (15) jours ouvrables. Avant de mettre fin au contrat, l'abonné paie les dettes dues, le cas échéant.</p>
<p>52. Sosiyete ishobora gusesa amasezerano mu gihe ibonye ko bikwiye kubera ko umufatabuguzi atakemuye ikibazo cyatumye ahagarikirwa amashanyarazi mu gihe cy'amezi atandatu (6) abarwa uherye igihe yahagarikiwe amashanyarazi, atacyujuje ibyo yasabwaga ahabwa ifatabuguzi, atujuje ibipimo bigezweho bijyanye n' amashanyarazi cyangwa indi mpamvu iyo ari yo yose ifite ishingiro ituma sosiyete ibona ko ikwiye gusesa amasezerano.</p>	<p>52. The Company may terminate the contract in case the customer does not address, within a period of six (6) months counting from the date of disconnection, the reason that led to electricity disconnection, meet the conditions required to have a subscription or the current standards, or any other justified reason to the Company to terminate the contract.</p>	<p>52. La Société peut résilier le contrat au cas où l'abonné ne résout pas, dans un délai de six (6) mois à compter de la date de la suspension de l'électricité, la raison qui a conduit à une suspension de l'électricité, ne répond pas aux conditions requises pour avoir un abonnement ou les normes actuelles, ou toute autre raison invoquée pour que la Société résilie le contrat.</p>
<p>53. Iyo amasezerano asheshwe maze uwari umufatabuguzi agakenere ifatabuguzi, asabwa kuzuzwa ibisabwa ukeneye ifatabuguzi rishya.</p>	<p>53. When the contract is terminated and the former customer requests to subscribe again, he or she shall fulfill the condition required to acquire new subscription.</p>	<p>53. Lorsque le contrat est résilié et l'ancien abonné demande à s'abonner de nouveau, il remplit les conditions requises pour acquérir un nouvel abonnement.</p>

<p>54. Umufatabuguzi yemereye Sosiyete gukusanya, gukoresha no gutunganya amakuru ye bwite hakurikijwe ibyo amategeko abigenga ateganya ndetse n'ibiteganywa na Sosiyete byerekeye kubika amakuru bwite. Impande zombi zemeranyijwe ko amakuru bwite ahabwa Sosiyete ashobora guhabwa abandi bantu bakorana na Sosiyete mu mbibi ziteganywa n'amategeko.</p> <p>55. Iyo indimi z'aya masezerano zivuguruzanya, hitabwa ku Kinyarwanda.</p> <p>Bisomwe kandi byemewe na:</p> <p><b>KU BW'UMUFATABUGUZI</b></p> <p>Amazina: .....</p> <p>Kuwa: .....</p> <p>Umukono: .....</p> <p><b>Ku bwa Sosiyete</b></p> <p>Amazina: .....</p> <p>Kuwa: .....</p> <p>Umukono: .....</p>	<p>54. The Customer consents the Company to collect, use and process his personal data in accordance with applicable laws and Company privacy policies. Parties agree that personal data provided to the Company may be transferred to third parties within the limits set out by applicable laws.</p> <p>55. When the languages in this contract contradict each other, the Kinyarwanda version prevails.</p> <p>Seen and signed by:</p> <p><b>FOR THE CUSTOMER</b></p> <p>Name.....</p> <p>Date.....</p> <p>Signature: .....</p> <p><b>For the Company</b></p> <p>Name: .....</p> <p>Date: .....</p> <p>Signature: .....</p>	<p>54. Le Client consent à ce que la Société collecte, utilise et traite ses données personnelles conformément aux lois applicables et aux politiques de confidentialité de la Société. Les parties conviennent que les données personnelles fournies à la Société peuvent être transférées à des tiers dans les limites fixées par les lois applicables.</p> <p>55. Lorsque les langues de ce contrat se contredisent, la version Kinyarwanda prévaut.</p> <p>Vu et signé par:</p> <p><b>POUR LE CLIENT</b></p> <p>Noms: .....</p> <p>Date.....</p> <p>Signature.....</p> <p><b>Pour la Société:</b></p> <p>Nom: .....</p> <p>Date: .....</p> <p>Signature: .....</p>
---	--	--